0331

K0141575

P103/331A

IDENTIFICATION	:RTLM N°69 Du 19/03/94 0331 (Matin-Fin)
QUALITÉ	:Bonne
DURÉE	: 60 Min
TRANSMISSION	:Radio-RTLM
NOM DU TRANSCRIPTEUR	:UWIMANA Rosine
DATE DE TRANSMISSION	:Le 12/10/99
NOM DU FICHIER	:0331
DICTAPHONE	:S/ N° 516567

ICTR-99-52-T
PROS. EXH. P103/331A
TENDERED ON 20.3.2002
PW 43; RUZINDANA

FACE A

ORATEUR : Justin MUGENZI, Parti Libéral

....umuhuza wari umaze ino iminsi, agerageza kumvisha FPR ko niba ishaka amahoro, niba ishaka ko inzego zijyaho itagomba kwivanga mu bibazo bya Parti Libéral. Intumwa ya Perezida

wa Tanzaniya yarangije ubutumwa bwayo ejo, igira iti:" Mu gushyiraho inzego nihakurikizwe amasezerano ya Arusha", twibutse rero ko dukurikije ayo masezerano ishyaka ariryo ritanga imyanya ryagenewe. Ntabwo abaryigometseho bafite uburenganzira ubwo ari bwo bwose, ibyo twakoze byo kubaha imyanya twabitewe no gushaka icyatuma amahane aba make kugira ngo inzego z'ubutegetsi ziteganijwe zishobore kujyaho. Parti Libéral irasaba Abanyarwanda bose bahuriye ku ntego yo gushimangira ukwishira ukizana k'Umunyarwanda no kubahiriza ubutabera bwo buzashimangira Démocratie nyakuri kwibaza icyatumye abantu bacu batanu bariciwe ejobundi by'agashinyagu....by'agashinyaguro I Kinihira Ministre w'intebe Agata UWILINGIYIMANA ntagire icyo abitangazaho kugeza kuri iyi saha. TWAGIRAMUNGU Fawusitini ntagire icyo abivugaho, ahubwo akihutira gukorera Abanyarwanda iriya Coup d'État agira ati n'ibyo mwari mufite ndabiha Inkotanyi maze ndebe." Iriya Coup d'État irimo agasuzuguro kenshi ku Banyarwanda no k'umukuru w'igihugu. Parti Libéral isabye Abanyarwanda bose bazirikana inyungu zabo, inyungu zabo z'Abanyarwanda n'u Rwanda, guhagurukira kuburizamo iriya migambi ya TWAGIRAMUNGU n'Inkotanyi. Turemera ko amasezerano ya Arusha yubahirizwa, ariko abayobozi b'amashyaka bagambanira andi mashyaka, n'ayabo bwite ndetse n'inyungu za rubanda bakwiye kwamaganwa bidasubirwaho. Bikorewe i Kigali tariki ya cumi n'icyenda z'ukwezi kwa gatatu mirongo icyenda na kane. Bitangajwe na Perezida wa Parti Libéral Yusitini MUGENZI.

ORATEUR :KANTANO

.....gushinyagura, hanyuma noneho iyo myigaragambyo barayibuza, ariko rero aba... ababikurikiraniye hafi bavuga ko iyo myigaragambyo yari igamije gusahura, gusahura no kugira ngo bagere, barebe uko bagirira nabi abo batashaboye kugirira nabi ubushize, bakoze rero ababyamaganye ndakeka yuko ba NDU ba ....NDUNGUTSE n'abandi aho kugira ngo batere akaduruvayo iwabo ngo barababaye, ndakeka yuko bareba indi politiki bakora.
Mu kanya rero nabwo turaza kureba enquête ya...y'abishe BUCYANA igeze he? Abantu se barafatwa? Barafungwa se? Igeze he? Bimeze bite? Mu kanya turaza kureba uko bimeze.

Huuum? Ngo...ngo bakoze lisite ngo yo kuzatumara cyane cyane ngo abo muri MDR Power no muri MRND ngo abagomba gupfa. Ngo Inkotanyi nizubura imirwano. Abavugwa cyane ni aba harimo:

SHABUKURU Hassan; CYIBURUSU Ismael; harimo na conseiller Théodomir n'uwitwa Ma...Malakiya NZARAMBA afite abana babiri mu Nkotanyi bamaze iminsi abyigamba, ngo ndetse abyigisha mu Musigiti tariki cumi n'eshatu z'ukwa gatatu mirongo icyenda na kane, ibiriho biravugwa, ibiriho biravugwa, ndakeka rero yuko...a...uravuga uti kandi uti umunsi hagize udukoraho, uti nta...ntabwo, uti dore nk'ubu hata mwe amasasi ibihumbi birindwi magana abiri, huum, ari i Gitarama, ati rwose ati ako gatsiko rero kayobowe na...n'uwitwa NCONGO Vénuste w'umucuruzi na Malakiya ati abo bantu rwose bagiye kuzatwicisha ntabwo tuzi impamvu. Ndakeka yuko muri gutinya BARINGA mumenye gusa kwirwanaho, hanyuma mumenye no gucunga umutekano wanyu hein. Hanyuma hano hari utugezaho amakuru avuga ati kuba "Umupower" cyangwa MRND muri Mineprisec ya TWAGIRAMUNGU, nako ya...ya TWAGIRAGATA huuum! Niko yanditse, ati ni icyaha gihanishwa kwirukana burundu muri iyi minsi kuko birakabije, ati aragiye Inspecteur Oscar wa Mushubati, MRND, ati aragiye uwa Tambwe Power, aragiye Inspecteur wa Ntongwe MRND, aragiye uwa Kigoma Power, aragiye umugore mwiza Gatarina hooo! W'i Nyamabuye Power n'abandi. Ati ibi bintu ati biteye isoni koko, ati rwose ni akumiro. MBONIMPA nagende aragakoze humm! Ati icyakora baraye...bari menge. Maze rero koko mu kanya nanjye ndabam...ndabaha ikindi kilisite huumm! Gikomeye kinini cy'abantu na none MBONIMPA amaze kwirenza, nta wamenya noneho UWILINGIYIMANA Agata yongeye ararya, yongeye ararya n'ubwo bimeze nk'u... nk'uko ari Burugumesitire wabaye konseye, hee! Ni nka Burugumesitire wasubiye ku bukonseye. TWAGIRAMUNGU amukomeyeho arongeye arariye, ba Inspecteurs rero ubu ngubu utayoboketse TWAGIRAMUNGU aragatoye, ni akumiro, bariya bantu ngo bazi Démocratie ariko wapi nta kigenda, nta kigenda muribuka madame UWILINGIYIMANA Agata ukuntu yahinze mu bantu bose akiruka na induru zikavuga mu gihugu hose ubu rero na none arakoma agatoke ku kandi ati muzaba mureba, muzaba mundeba njyewe Agata haha!Mwo kagira Imana mwe, tuzaba tureba ariko rero iyo umuntu akoze ibyaha, burya iyo umuntu akoze ibyaha burya

biramugaruka. Ndakeka y'uko abantu yirukanye abahora ubusa ngo ni uko bari muri MRND, na n'ubu baramuvumira ku gahera. Ndakeka rero yuko imivumo, imivumo y'abantu burya ntabwo ihira abandi, ntabwo ibahira niyo mpamvu rero nkeka yuko azazane amatwara make muri iriya Minisiteri TAGIRAMUNGU Fawusitini, kubera....TWAGIRAMUNGU Fawusitini rero kubera nyine iriya Minisiteri yongeye kumugabira..., yongeye kumugabira, yongeye kugabira Disimasi NSENGIYAREMYE haha! Ngo Minisiteri.... murebe ukuntu ari n'abanyamayeri bariya bantu, murebe ukuntu ari n'ibisambo TWAGIRAMUNGU Fawusitini ntabwo yigeze avuga Minisiteri bazajyamo, Abanyarwanda bajiijwe, bajijwe ba...bayoberwe ibyo ari byo, bayoberwe aho Minisiteri y'ubucamanza ayishyize, bayoberwe...ugiye kubona Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ahaha! Ngo dukeke wenda ko ni hagati ya NSENGIYAREMYE ngo ni...cyangwa hagati ya y'uriya NGULINZIRA, NGULINZIRA aho yigisha muri Kaminuza mu Ruhengeri bita i Nyakinama, bita "Le vendeur", le vendeur ni ukuvuga umugurisha, umugurisha icyo yagurishije rero mukaba mukizi. Ubu rero noneho TWAGIRAMUNGU ati hinga njijishe, bazayoberwe bamwe aho bari n'abandi aho bari, nyamara aho ngo TWAGIRAMUNGU ni we ugiye kubona Minisiteri y'ububanyi n'amahanga yaaa! Noneho nta wuzakira kurandaga, ee! Ngo asobanura ngo..ngo Ikinani ngo cyishe ibintu, huuuh! Ni akumiro. Hanyuma rero NGULINZIRA we arongeye yibonaniye n'Inkotanyi, yahaye, yarundiye biriya bintu byose. Ubwo rero noneho murumva icyo bagiye gukora, ee! Ariko ubundi ngo ni Power , njye byaranyobewe ibya Power bye. Ariko rero ubwo wenda ni uko atari ishyaka ndimo, yenda ubwo abandi ni ko babibona, ariko rero ni akumiro. Nyamara ubupower bwe ntibugaragara, ubwo rero sinakubeshya. Tuzaba tureba iby'iriya Guverinoma, iriya Guverinoma igiye kuyoborwa n'umunyamadeni, n'umunyamadeni menshi cyane Guverinoma igiye kujyamo Abadactylo bitwa ba NAYINZIRA, Guverinoma igiye kujyamo Inkotanyi, Inkotanyi zo nta wamenya ibyo zakoze ariko ibyaribyo byose ni amarorerwa, hee! Bamwe bakagenda bagororerwa ngo kuko bakoze ayo marorerwa. Tuzaba tureba iyi Guverinoma, ariko njyewe ku giti cyanjye narayiharurutswe, nta cyiza nayi...nayizeraho, nta cyiza nayizeraho kuko ibintu bibayemo ubujura, mu mahane burya nta kintu na kimwe bishobora kugeraho.

Mukomeje kumva Radio yigenga RTLM ivugira i Kigali, ubu ngubu ni saa .....

Cassette n°0331trancrite par U.R

ORATEUR :

....n'uwa GATABAZI, imvururu zarahanzwe, n'imyigarambyo..(inaudible) ...cyangwa se ngo ari...ngo ari CDR cyangwa ari iki, ese ishyaka ryose yaba arimo, ariko basanze ibyo ngibyo ari urubwa Abanyabutare bisubiriye mu mirimo yabo uko bisanzwe, uko bisanzwe n'imyigaragambyo yari yateguwe n'umugabo witwa NDUNGUTSE ngo igomba kumara iminsi itatu yose bari mu mihanda, abantu bata...batihahira utwo kurya, iyo myigaragambyo rero inama y'umutekano y'ejo yarayisheshe, yarayisheshe kuko yari igamije gusahura, kwiba no kwica abantu batashoboye kwicwa mu gihe no..mu... itariki makumyabiri n'imwe z'ukwa kabiri, nako itariki makumyabiri n'imwe z'ukwa kabiri Nyakwigendera GATABAZI amaze kwitaba Imana. NDUNGUTSE rero yari akwiye kumenya yuko amahane n'imyigaragambyo atari byo byerekana yuko umuntu ababaye, kuko hari ukubabara ukamenya kwihangana.I Butare ariko na none ikintu umuntu ahasanga mu mujyi ni uko bamwe bamwe inzoga basimbuka, abandi benshi benshi bari mu gahinda, mu gahinda k'iki, ni uko kuva aho NZAMURAMBAHO atangarije..., nako TWAGIRAMUNGU Fawusitini alias RUKOKOMA kuva aho atangarije Abaministres bazajya muri Guverinoma yifuza ko izabaho a...Abanyabutare rero benshi bari basi....bashyigikiye Ambassadeur UWIBAJIJE Sylvèstre bagira ngo ni we bazavuga none bahisemo Bwana IYAMUREMYE Agusitini hanyuma rero n'ubwo bose ari Abanyabutare ariko rero Abanyabutare benshi barimo Abanyemari benshi bari bashyigikiye UWIBAJIJE Sylvèstre ubwo rero twizere yuko bitazaca iryo shyaka mo kabiri, impamvu ariko abahisemou.... IYAMUREMYE Agusitini iragaragara, itangiye kugaragara ni ukugira ngo Bwana IYAMUREMYE Agusitini wari ushinzwe maneko y'igihugu uwo mwanya abe awutanze hanyuma noneho bashyiremo Bwana RUCOGOZA Fawusitini, kuko ni wo...ni wo mwanya TWAGIRAMUNGU Fawusitini nyine mugenzi we yamuboneye yajyamo. Twibutse ko Bwana RUCOGOZA Fawusitini ubu ari Ministre w'itangazamakuru, ariko akaba yarigeze kuba muri...muri, gukora muri Maneko akahava nabi yirukanywe afite cote mbi handitseho incompétence.Ubwo rero nyine ni FPR izaza icengeye mu byerekeye ibyo kuneka muri iki gihugu, murumva yuko yagicengeye mu mizi. Abishe BUCYANA, bite i Butare? I Butare rero

abishe BUCYANA mu by'ukuri nk'uko Procureur twabivuganye yambwiye yuko enquêtes zirimo zikomeza kugeza ubu ng'ubu bamaze gufata abantu bageze... barenze icumi, barenga icumi, ya myigaragambyo rero yo mu buroko y'ejo bundi ku kani....ku Karubanda, yari igamije kugira ngo babarekure, babarekure hanyuma noneho biza gupfuba, biza gupfuba (il tousse) mumbabarire hari agakorora gake, ubwo rero imyigaragambyo yaje...yaje kuburizwamo yari igamije yuko bakwirukana Directeur wa...w'uburoko, hanyuma noneho ee...abafungwa bazira ibyo bintu byo kwica BUCYANA kuko bamwishe ku mugaragaro bakagaragara noneho rero noneho bakwirukana Directeur bakajya babona uko bajya babacikisha. Ibyo rero barabimenye uwo mugambi urapfuba hanyuma usanga rero mu bavugwa muri izo... mu bavugwa muri ibyo byo kwica Maritini BUCYANA, eeu.. bitangiye kugenda bigaragara yuko abavuzwe mbere rugikuta kenshi byari bishingiye ku nzangano z'abantu, cyangwa se ku mashyaka. Ndibuka ko bari bavuzemo JABO umucuruzi ukomeye, BIHIRA na we ni umucuruzi ukomeye, na BASHIMIKI Etienne na we ni umucuruzi ukomeye ariko abo bantu uko bigenda bigaragara ni uko batagize uruhare muri ibyo bintu ahubwo byagiye biterwa n'abantu bavugaga bati bariya bantu ubwo ari bo bagaragara mu bakombozi hinga tube ari bo tuvuga, hanyuma noneho tuvuge ko ari bo babiteguye yenda bizagira icyo bifata. Ubundi mu by'ukuri byakozwe n'ibyihebe byo mu mujyi n'abandi bantu bafite ibitekerezo ibyo ari byo byose birimo ibintu by'ubukotanyi. Ubwo rero JABO, BIHIRA, BASHIMIKI n'ubwo abantu bari batangiye kubashyira mu majwi ariko biragaragara yuko uruhare bagize muri biriya bintu rutagaragara. Muri Komini Mbazi aho nanyuze nahasanze igi....igisigazwa cy'imodoka y'uruganda rukora impapuro Nyakwigendera BUCYANA Maritini yari arimo, ubwo rero sinzi igihe bazakihakurira Komini yo na yo barayisahuye ku buryo ubu ngubu itagira impapuro. N'amadossiers amwe yarabuze ku buryo nyine ubu ngubu usanga barahakoze ibintu by'amarorerwa.

Mu kanya twarimo tuvuga ibya Madamu UWILINGIYIMANA Agata mu kanya nyine TWAGIRAMUNGU Fawusitini yatangaje kuri Radiyo, buriya buryo bwo gutangaza Abaministres kuri Radiyo na bwo ni uburyo buriya budahwitse kuko ntabwo byumvikana, abantu kwirukanka bajya kuri Radiyo ngo batangaje ngo abantu bumvikanyweho kandi ntaho babumvikanyeho, ibyo rero usanga ari ukubesha rubanda no gukoresha Radiyo mu buryo butari

bwo, ubundi Abaministres umuntu ntafata ilisite ngo agende ajye gutangaza kuri Radiyo ngo ubwo abaturage babyumve gutyo, bahite babyemera gutyo.Twavugaga... twumvise rero yuko twumvise ko Madamu UWILINGIYIMANA Agata agiye gusubira muri Minisiteri y'ubu...y'u.... y'amashuri mato n'ayisumbuye ubwo rero birumvikana twarimo tuvuga tuti ba Inspecteurs noneho baragowe abatari muri MDR TWAGIRAMUNGU, abatari muri MDR ya Agata abo ngabo ubu ngubu bagiye kukabona. Aba MRND bo Madamu UWILINGIYIMANA Agata yari yabahushye rugikubita ku buryo ubu ngubu bamuvumira ku gahera. Ubwo rero nk'uko bimaze kugaragara n'uwitwa MBONIMPA na we wari muri iyo Minisiteri na we yari amaze gukora akantu, dore ukuntu yabigenje abantu batari muri MDR POWER, n'abandi bari muri MRN abantu bari muri MDR POWER n'abandi bari muri MRND, abo ngabo na none ee... MBONIMPA na we yari amaze kubagerera, dore nk'uyu muntu w'i Gitarama arambwira ati aragiye Inspecteur Oscar wa Mushubati MRND wa Tambwe POWER,wa Ntongwe MRND, aragiye uwa Kigoma POWER, ngo aragiye umugore mwiza Gatarina w'i Nyamabuye akaba Power n'abandi. Ariko (il tousse) mumbabarire, a...hagati aho hari na...n'indi lisite ndende hinga twumve umuziki ndumva inkororora yanga igakara..

(Musique 3 sec)

...icyo nababwiraga ni uko ubu ngubu ba Inspecteurs batari muri MDR eee... UWILINGIYIMANA Agata, MDR RUKO...TWAGIRAMUNGU ubu bari mu kaga, bari mu kaga kuko ubwo madamu UWILINGIYIMANA Agata yongeye gufata iriya Minisiteri buriya agiye gutangira kubahuha, nababwiraga yuko na MBONIMPA yari atangiye kubiyogoza dore yirukanye Inspecteur Oscar wa Mushubati yari MRND uwa TAMBWE POWER, uwa Ntongwe MRND, aragiye uwa Kigoma POWER, umugore mwiza Gatarina na we w'i Nyamabuye na we POWER aramwirukanye, murumva rero yuko ari amarorerwa. Hanyuma ku byerekeye umushinga SMEP, umushinga SMEP rero ari byo bivuga Services mobile d'encadrement pédagogique, Services mobile d'encadrement pédagogique akaba ari umushinga uba muri Mineprisec ukaba wita ku mashuri abanza n'agamije amajyambere y'imyuga watangiye muri mirongo inani na kane ukorana Réforme igihe hariho imyaka ya karindwi n'iya munani ku

bijyane ni...e...ku bijyanye ni... n'imyaka ye..mu myaka ya karindwi n'iya munani, hanyuma aho iyo myaka yombi rero ivaniweho muri école primaire, mu mashuri nako abanza ubu usigaye ukorana ee..n'amashuri abanza ariko kuva mu wa mbere kugera mu wa gatandatu. Icyo ushinzwe, icyo ushinzwe mu mashuri abanza ni ugu... n'ikoranabuhanga ricirititse ririya science et techonologie élémentaire, naho muri CERAI ni uguhugura abarimu ugendeye ku byo basabye Projet de formation continue. Igitangaza rero ni uko abayobozi b'uwo mushinga bawukoresha, aho gukora akazi bikorera politiki. Dore uko biteye NYIRIMBIBI Alphonse, NYIRIMBIBI Alphonse umuyobozi w'uwo mushinga akomeje umugambi wo kwirukana abantu bose batari muri MDR ya TWAGIRAMUNGU Fawusitini, muribuka ukuntu yafatanije na madamu Agata UWILINGIYIMANA bakirukana ba Inspe....ba Inspecteurs b'inzirakarengane bazira ko batari mu ishyaka ryabo, cyane cyane abo muri MRND nyuma y'icyo gikorwa kigayitse Alphonse bamugororе...Alphonse NIYI....NYIRIMBIBI bamugororeye ubuyobozi bwa SMEP asimbura madamu RUGIRA Jeanne-Marie ngo arebe ukuntu yakomeza gushakira abayoboke MDR-TWAGIRAMUNGU. Eee...yatangiye akazi muri SMEP mu...muri mirongo icyenda na gatatu n'ubwo ibaruwa yari yaranditswe mbere agatinda muri Minisiteri kuko yari atararararangiza kwirukana ba Inspecteurs. None kuva ku itariki ya makumyabiri na rimwe z'ukwa cumi na kabiri kugeza ku itariki cyenda z'ukwa gatatu amaze kwirukana abantu umunani barimo ehein! Abahutu barindwi n'Umututsi umwe, barindwi kandi ni abayoboke ba MRND dore amazina y'abo bantu bazize akarengane no gushaka abayoboke mu mafuti no kwica Démocratie hari UKWIGIZE Agusitini wo...wo Responsable wa SMEP wo ku Kibuye akaba ari MRND, AMOUR Marie-Médiatrice agent de la centrale wa Projet yari MRND, MUKANDERA Dancilla wo muri SMEP i Gisenyi MRND, BAFASHEKERA Sostène umu resiponsabure wa...wa SMEP i Kibungo, IRERE François resiponsabure wa SMEP i Gitarama MDR POWER, NSENGIYU... NSENGIMANA Alphonse resiponsabure wa SMEP Byumba yari MRND, MUNYENZI Porotazi ee...we rero akaba ari u...ari Umututsi, hanyuma ni uwo muri SMEP i Cyangungu na NTAKIRUTIMANA Ézechiel resiponsabure wa SMEP Kigali na we akaba ari Interahamwe eee.. ku Kimisagara.

Abo bantu rero bose nta kindi bazize uretse kudashyigikira amafuti ya MBONIMPA ubu rero

barirukanywe bagiye kuba...babashubije ku isuka. Birumvikana rero yuko imigambi ya bariya bantu, imigambi bariya bantu bafite ikomeye, ikomeye kandi ari imigambi izageza ku Nzibacyuho abatavuga rumwe na bo bamaze kubarambika barabashubije ku isuka cyangwa se bamwe ndetse baranapfuye.

Mukomeje kumva Radiyo yigenga RTLM ivugira I Kigali. Mu kanya BEMERIKI nawe araje abagezeho nawe amakuru nawe yabateguriye, nyuma yahi turaza gukomeza n'amatangazo yanyu. Mukomeze mugira umugoroba mwiza...

ORATEUR :BEMERIKI Valérie

...mbere ariko yuko nagira ee...amakuru nayabagezaho mu kanya Abanyarwanda mwese wenda hafi ya bose wenda baba bafite amatsiko yo kumva icyo amakuru atangaza kuri Radiyo Rwanda bamwe bakurikiye ijambo ee.. rya madame Premier Ministre w'Inzibacyuho iriho ubu UWILINGIYIMANA Agata. Nagerageje gukurikiramo bike kuko nari ndiko ntegura amakuru ariko ubu tuzarisesengura ejo ryose turibahe neza ariko hariho bimwe na bimwe nagiye mvana muri iryo eeu...muri iryo jambo. Hari aho rero Agata agira ati: Ku bindeba, iyo avuze...iyo avuze ati ku bindeba mpita numva ko bimureba ku giti cye ko bitareba Guverinoma. Aha rero tukumva ko mu by'ukuri atari Guverinoma iriho ivugana na FPR ahubwo ari ku giti cye ariho avugana na yo.Ubwo rero ni ukuvuga ko ibyemezo byose afata, abifata ku giti cye ntabwo abifata ku izina rya Guverinoma, nta n'ubwo ari Guverinoma ifata ibyo byemezo. Ni ukuvuga rero ko ibintu byose bariho bafata ee...kuri twe iyo tubirebye dusanga ari amacenga akirimo ni ukuvuga ko bigomba kubabarwaho. Ntabwo rero ari ibya Guverinoma kuko atanayivuga kuko nawe mbese muzi ko yanatangaje ko iyo Guverinoma yasezerewe. Ntabwo rero ari...afata ibyemezo mu izina rya go...rya Guverinoma. We aravuga ati ku bindeba, nta na rimwe avuga ati "ibireba Guverinoma y'u Rwanda," we yivugira ko ari ibimureba ku giti cye.

Ikindi cya kabiri nakuyemo na none, eee....yavuze ati liste y'Abadepite twayumvikanyeho ndetse yane...yanatanzwe ee..n'amashyaka. Nyamara ndasanga njyewe iki ari ikinyoma cyambaye ubusa kuko mu by'ukuri iriya liste y'Abadepite ndemeza nkomeje ko amashyaka atari yo yatanze.

Namuha urugero rw'urubanza ruherutse kuba aho Dépite KAMARI Sylvèstre wo mu ishyaka MDR yaburanye muzi ko yaburanye mu rukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali aburana n'uriya na... Bwana TWAGIRAMUNGU Fawusitini wari washyize undi mudepite witwa TEGERI kuri liste ya MDR akavanaho KAMARI. Twese tuzi neza ko Radio yanyu, Radiyo RTLM yabagejejeho inkuru y'imvaho ivuga ko uriya Dépite KAMARI Sylvèstre yatsinze ruriya rubanza ni ukuvuga rero ko Bwana KAMARI Sylvèstre ari we Dépite wa MDR. Ibi rero bikaba bigaragaza ko madamu UWILINGIYIMANA Agata iriya liste avuga ariho atubeshya.

Ikindi akongera...icya gatatu nashoboye kugira ngo nkuremo ni uko avuga ati ibya ngombwa byose byaruzuye. Ariko wajya kumva ukumva ati nshigaje kujya kureba Inkotanyi tukabivugana ni ukuvuga rero ko ibya ngombwa byose bitaruzura. Aha na none ngasanga ari ikindi kinyoma. Hanyuma kandi abakurikiye mwese kuri liste yatanze mwaje kwiyumvira ko ishyaka CDR ritarimo. Aha nkagira ngo nibutse madamu UWILINGIYIMANA Agata ko nta Munyarwanda ugomba guhezwa mu birebana n'ubutegetsi bw'igihugu cye arimo. CDR kandi tuzi ko ari ishyaka, ishyaka ryemewe, ryemewe n'amategeko ko na ryo rigomba kugira uruhare mu nzego z'Inzibacyuho yaguye. Ntabwo rero agomba kuyivutsa umwanya wayo w'ubudepite. CDR tuzi ko irimo abayoboke, abayoboke benshi kandi tukaba tuzi ko ishyigikiwe, ntabwo rero CDR igomba kubura umwanya wayo ngo madamu UWILINGIYIMANA Agata ayirengagize. Ibyo ntabwo rero Abanyarwanda nyamwinshi, rubanda nya mwinshi Impuzamigambi ntabwo zizabimwemerera. Aha rero tugasanga na none ari ya mitego bagumya gutega ku buryo tutizera ko n'iriya Guverinoma y'Inzibacyuho Bwana TWAGIRAMUNGU Fawusitini yaraye atangaje izajyaho. Ibyo byo turasanga bidashoboka.

Ibyo rero n'ibyo bintu navanye muri iriya, ririya jambo Agata amaze kugeza ku Banyarwanda. Dukomeje rero amakuru yacu turagaruka kuri iriya Guverinoma ya Bwana TWAGIRAMUNGU Fawusitini. Iyo nkuru rero yasakaye hose mijambo Bwana TWAGIRAMUNGU Fawusitini yaraye atangarije kuri Radio Rwanda agamije gukora Coup d'État, uko ashaka kuyikora kandi niko ajyana ubutegetsi bwose mu maboko ya FPR Inkotanyi.

Kuva muri iki gitondo mwakomeje gukurikirana uko Rédacteur en chef wa Radiyo RTLM

Bwana Gaspard GAHIGI yasesenguye amayeri, ubutiriganya ndetse n'ubujura bwihishe inyuma y'iriya Guverinoma TWAGIRAMUNGU yifuza gushyiraho. Ntabwo rero mbivugaho byinshyi kuko mwabiso...mwakomeje kubikurikirana igitondo cyose ndetse hakaba n'abantu bamwe twavuga nk'uriya Ananiya wagize icyo abitangaho, agatanga urugero rw'inyamaswa ahantu zari zororewe. Ubwo rero iryo jambo wenda dushobora kuzarigarukaho nk'ejo ubwo tuzaba dufite igihe gihagije kugira ngo mubanze murikurikirane neza. Ariko kandi mwari no gukurikirana icyo amashyaka amwe yagiye abivugaho usibye ko atari yose, ariko mwumvise nk'ishyaka PL icyo cya...ryabitekerejeho bikaba byuvikaniye mu ijwi rya Perezida w'iryo shyaka Bwana MUGENZI Yusitini. Ubwo kandi hakaba n'abaturage bagiye berekana icyo babitekezaho. Nimureke twumve Bwana MUGENZI Yusitini noneho nyuma tuze kugaruka ku magambo y'Abanyarwanda bamwe na bamwe bagize icyo babitekerezaho.

ORATEUR :MUGENZI Justin

...ubuyobozi bw'iryo shyaka rimaze gushyira ahagaragara inyandiko zamagana Perezida waryo, imigenzereze ye yo gushyigikira FPR ngo abone yuko TWAGIRAMUNGU (inaudible)... Ministres. Naho muri PI...PSD induru ziravuga mu bayoboke b'iryo shyaka cyane cyane i Butare na Gikongoro aho ryari rishinze imizi. Riramagana ko abayobozi baryo barishoye muri FPR. Iyo nduru ntawe utayizi cyane cyane abakunze gukurikirana amagambo ya nyuma ya Nyakwigendera Felisiyani GATABAZI muri meeting yasezereyeho i Butare mu kwezi gushize igihe yavugaga byinshi kandi bisobanutse.

Naho muri MDR, birababaje kubona ishyaka MDR rikomoka ku ishyaka MDR PARMEHUTU, muribuka yuko MDR PARMEHUTU ariyo yayoboye Révolution ya mirongo n'icyenda ikavana Abanyarwanda ku buhake ndetse no kuri Gikolonize ikabageza ku butegetsi bwa Démocratie none abayobozi b'iryo shyaka TWAGIRAMUNGU Fawusitini n'abandi bafatanije na we kwandika amasezerano ya Arusha akaba ari bo batse bwa butegetsi Abanyarwanda bari baravanye muri politiki na mirongo itanu n'icyenda bakabubaka, bakaba babushubije ba bandi bari barahunze Démocratie ari bo bari muri FPR ubu ngubu, birababaje. Abayoboke ba MDR

bakwiye.....bari bakwiye guhagurukira icyo kibazo kuko buriya bugambanyi bukabije.
Parti Libéral yasanze iyo migirire y'abo bayobozi b'amashyaka inyuranije n'imigambi twiyemeje twese dushyigikira amasezerano ya Arusha. Ubwo abo bayobozi bose biyemeje gushyigikira FPR Inkotanyi bakoresheje ingufu za Minisiteri bashinzwe kuyobora, birumvikana yuko abaturage basanzwe mu gihugu batazabura kuhagwa ni nayo mpamvu Parti Libéral yiyemeje kurwana ku busugire bw'ubutegetsi bwa rubanda aho ishoboye kurengera inyungu zabo rwose ikabikora.
Ku byerekeye umutekano, muzi mwese ko minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu n'amajyambere ya Komini igiye gutegekwa na FPR Inkotanyi none TWAGIRAMUNGU ati na Minisiteri y'ubutabera igombwa guhabwa uwo mu ruhande rwa NDASINGWA kandi w'Umututsi ngo ni ko NDASINGWA na FPR babishaka. None se ko na Gendarmerie izayoborwa na FPR, abaturage batizeye FPR bazaba aba nde? FPR nibagirira nabi bazaregerwa na nde? Aho hakwiye gutekerezwa neza. LANDO yatangaje ku mugaragaro yuko iyo minisiteri ....(coupure)

FIN DE LA FACE A

FACE B

Toute la face B est vierge.

Cassette n°0331trancrite par U.R